**A Umwanditsi w'Ubutumwa Bwiza:**

- **Umuvugabutumwa wacogoye.**
  - Mariko, kimwe n'abandi banditsi b'Ubutumwa Bwiza, ntabwo yivugiye izina ubwe. Yari umwana igihe ibintu avuga byababaga; bityo birashoboka ko yabimenye binyuze mu mubano we wa hafi n'intumwa Petero (1 Petero 5:13).
  - Nyina wa Yohana Mariko yari nyir'ahantu h'i Yerusalemu aho itorero ryateraniraga risenga igihe Petero yashyirwaga mu nzu y'imbohe (Ibyakozwe 12:12).
  - Nyuma yaho gato, Barinaba na Sawuli (bari barajyanye i Yerusalemu amaturo) bajyanye na Yohani Mariko muri Antiyokiya (Ibyakozwe 12:25).
  - Muri Antiyokiya, igihe Umwuka Wera yahamagariraga Barinaba na Sawuli kuba ababwirizabutumwa mu banyamahanga, bajyanye na Yohani Mariko nk'ubafasha (Ibyakozwe 13:2–5).
  - Ariko ubuzima bw'ivugabutumwa bwagaragariye umusore Mariko ko bugoye cyane, ahitamo gusubira i Yerusalemu (Ibyakozwe 13:13).
- **Ingirakamaro mu murimo.**
  - WIgihe Pawulo yateguraga urugendo rwe rwa kabiri rw'ivugabutumwa, yanze gukorana na Mariko nk'ūmufasha (Ibyakozwe 15:36–38). Pawulo yari akeneye abamufasha b'abanyembaraga, inkomezi aho kumubera umutwaro. Mariko ntabwo yari abyujuje.
  - Ariko Barinaba yari azi neza ko mwishywa we Mariko yari afite ubushobozi buhagije bwo kuba umuvugabutumwa mwiza. Ni ko kujyana na Mariko muri Kupuro, naho Pawulo na Sila berekeza muri Aziya (Ibyakozwe 15:39–41).
  - Ntabwo tuzi ibyakurikiyeho, ariko tuzi ko Barinaba yari mu kuri. Mu bihe bitatu Pawulo avuga kuri Mariko mu nzandiko ze, yaje guhamya ko Mariko "ari ingirakamaro mu murimo", ūbafasha neza (Abakolosayi 4:10; Filemoni 24; 2 Timoteyo 4:11).
  - Ni kubw'aya mahirwe ya kabiri uyu munsi dufite umugisha wo kwishimira inkuru ishimishije y'Ubutumwa Bwiza bwanditswe na Mariko.

**B Itangiriro ry'Ubutumwa Bwiza:**

- **Kwitegura. Mariko 1:1–8.**
  - Mariko atangira atwereka Imana itegura urugendo rw'Umwana wayo (Mariko 1:1–2; Malaki 3:1). Urugendo rutangirira mu bikāri byo mu ijuru, kandi rukazageza Yesu Kristo ku musaraba, ndetse akazongera kwākīrwa mu Ijuru (Mariko 16:19).
  - Mu gutegura uru rugendo, Imana itoranya Yohana Umubatiza, "ijwi ry'urangurura mu butayu" (Mariko 1:3; Yesaya 40:3).
  - Mbere yuko Yesu atangira urugendo Rwe ngo atangire ubugingo Bwe ku bwacu, Yohana yateguye imitima y'abantu abayobora ku kwihana anabararikira kubatizwa (Mariko 1:4–6).
  - Yabateguriye kwakira umwana w'Imana: ukomeye kuruta Yohana ubwe, ukwiriye kurushaho, kandi ubatirisha umubatizo urushaho gukomera (Mariko 1:7–8).
- **Umubatizo. Mariko 1:9–13.**
  - Yesu atangira urugendo Rwe mu buryo buhebuje: Imana Data imugaragaza nk'Umwana wayo, kandi Umwuka Wera agaragaza ukuhaba Kwe mu buryo bugaragara (Mariko 1:10–11). Kuva mu ntangiriro, Yesu yerekanwe nk'ufite ubumana, Umwana w'Imana. Ariko kandi anagaragazwa nk'umuntu:
    (1) Yabatijwe na Yohana, ntabwo ari We wabatije Yohana (Mariko 1:9)
    (2) Yajyanywe n'Umwuka Wera (Mariko 1:12)
    (3) Akenera kwihererana n'Imana bonyine (Mariko 1:13a)
    (4) Ageragezwa na Satani (Mariko 1:13b)
    (5) Ahura n'ibirushya bigaragara (Mariko 1:13c)
    (6) Abamarayika baramukorera (Mariko 1:13d)
- **Ubutumwa. Mariko 1:14–15.**
  - Ubutumwa bwa mbere bwa Yesu bukubiyemo ibintu bitatu (Mariko 1:15):
    (1) "Igihe kirasohoye": Byerekeza ku buhanuzi bw'ibyumweru 70 (Danieli 9:24).
    (2) "Ubwami bw'Imana buri hafi": Ibyerekana ko isezerano ry'agakiza ryari ritangiye gusohora.
    (3) "Mwihane, mwemere ubutumwa bwiza": Irarika ryo kugira uruhare rugaragara mu isezerano, twākīra imbabazi kubwo kwizera Yesu.
  - Ubutumwa bwacu bw'iki gihe nabwo bukubiyemo ibi bintu bitatu: Igihe cyarasohoye; Yesu araje; kandi tugomba kwihana no kwizera kugira ngo dushobore kujyana na We.